# 58: Shobuj' uguhamagara

1. Shobuj' uguhamagara Munyabyah' umwitabe, Wumvir' ijwi rye ryinginga : N' Umucunguzi wawe.

Ref:

Mwitabe Mwitabe ! Sanga Yesu nonaha

2. N' iki gitum' umutera Kukurindira cyane ? Kera kose waramwanze None ngwino : ntutinde !

3. Banguk' aguh' uyu munsi Ubwera n'imbabazi N'amahoro y' adashira N'ubugingo n'ubwami.

4. Agutegey' amaboko,Agukund' akwifuza. Banguk' uve mu bugoryi : Ngwino, wikebaguza.

5. Aracyaguhamagara :Wihut' atarahita. Wumvir' ijwi rye ryinginga, Udasanga yagiye !

Visit us at indirimbo.com